Diploma Programme
Programme du diplôme
Programa del Diploma

# Kinyarwanda A: literature – Standard level – Paper 1
# Rwanda A : littérature – Niveau moyen – Épreuve 1
# Kinyarwanda A: literatura – Nivel medio – Prueba 1

Wednesday 4 May 2016 (afternoon)
Mercredi 4 mai 2016 (après-midi)
Miércoles 4 de mayo de 2016 (tarde)

1 hour 30 minutes / 1 heure 30 minutes / 1 hora 30 minutos

---

## Instructions to candidates

- Do not open this examination paper until instructed to do so.
- Write a guided literary analysis on one passage only. In your answer you must address both of the guiding questions provided.
- The maximum mark for this examination paper is **[20 marks]**.

## Instructions destinées aux candidats

- N'ouvrez pas cette épreuve avant d'y être autorisé(e).
- Rédigez une analyse littéraire dirigée d'un seul des passages. Les deux questions d'orientation fournies doivent être traitées dans votre réponse.
- Le nombre maximum de points pour cette épreuve d'examen est de **[20 points]**.

## Instrucciones para los alumnos

- No abra esta prueba hasta que se lo autoricen.
- Escriba un análisis literario guiado sobre un solo pasaje. Debe abordar las dos preguntas de orientación en su respuesta.
- La puntuación máxima para esta prueba de examen es **[20 puntos]**.



2216 – 0571

© International Baccalaureate Organization 2016

International Baccalaureate®
Baccalauréat International
Bachillerato Internacional

https://xtremepape.rs/

Andika kuri **umwe** gusa mu myandiko wahawe. Mu gisubizo cyawe ugomba kugira icyo uvuga ku bibazo bikuyobora wahawe.

**1.**

**Serutorogo na bagenzi be cumi**

Serutorogo yari afite bagenzi be buzuraga, bagatumirana bagacirana, bagasukirana. Bukeye Serutorogo abaga inka, ashaka kwima bagenzi be. Afata ibiti cumi atungaho inyama, arazotsa, zimaze gushya azishyira ku nkoko. Ahamagara umwana we ngo amutume kuri za nshuti ze. Umwana araza, Serutorogo amutuma muri aya magambo, ati: "Ubwire uwa mbere uti: 'mutize intorezo yo kwasa urutare ruri hano mu rugo, rwamumariye ibinono by'inka zirusitaraho.'" Intorezo arayimwima. Afata igiti kimwe muri bya bindi ararya.

Uwa kabiri uti: "Mutize ingabo yawe yiyuhire ikiziba kidendeje mu rugo." Ingabo arayimwima afata igiti cya kabiri aramira.

Uwa gatatu uti: "Mutize inkanda yawe wiyorosa umuja we ayikukane amase." Inkanda arayimwima afata igiti cya gatatu arirenza.

Uwa kane uti: "Mutize intara mugosoza amasaka ayishyireho amayezi." Intara arayimwima afata igiti cya kane araroha.

Uwa gatanu uti: "Mutize igisabo cyo kuregerezamo amaganga." Arakimwima afata igiti cya gatanu ahereza umugore we.

Uwa gatandatu uti: "Mutize igicuba cyo gushyiramo amaraso." Arakimwima. Afata igiti cya gatandatu ahereza umwana we.

Uwa karindwi uti: "Mutize icumu ryo gucukura igitaka." Ararimwima. Afata igiti cya karindwi agiha umuja we.

Uwa munani uti: "Tiza umugore we ubutega bwo guhingana, bwa bundi uwawe arimbana." Arabumwima. Afata igiti cya munani ajugunyira imbwa ye.

Babiri basigaye Serutorogo arabatumira, abaha inzoga, arabagaburira, arabasukira, nk'uko yari asanzwe abigira.

Bagenzi be bati: "Ariko wahemukiye abandi!" Serutorogo ati: "Nabigize mbizi kandi nzi uko nzabigenza." Umwe mu bo yimye yenga inzoga, imaze gushya abaga ingumba, ati: "Nzarebe akange na Serutorogo, nzamwima inzira yume!"

Serutorogo abimenye ajyayo, abwira mugenzi we ati: "Ejo tuzashora inka." Undi ati: "Ni byo inkoko ni yo ngoma."

Igihe cyo mu nkoko, Serutorogo avuza akamo, mugenzi we arumva, inka azikata inkoni ati: "Cya cyago kiransize." Asiga abwiye umugore we ati: "Nzi ko Serutorogo atagira isoni, nidukura inka araza ankurikiye, ni ukumwima tukamunutsa."

Serutorogo arakimirana no kwa mugenzi we, ahagarara inyuma y'inzugi, abwira umugore wari ku buriri, ati: "Sinahwanya ubusambo na Serutorogo, umwoherereze inzoga muri cya gicuma kinini, umwoherereze ukuguru kwa ya nka twabaze, nituza kandi ukabona nkurebye nabi uduhe inzoga muri cya gicuma cy'amabondo; ninongera kukureba ufate ukuguru gusigaye ukoheze kwa Serutorogo; ninkwicira ijisho, uzane amazi dukarabe utugaburire, niturangiza ndamuherekeza ampe inka yambwiye."

Serutorogo amaguru ayabangira ingata asanga inka. Ariko umugore azi ko ari umugabo we bavugana.

Inka zikutse, Serutorogo azana na mugenzi we, ariko yitumiye. Amarenga umugabo yaciraga umugore we kwari ukumubuza ngo atagira icyo amuha Serutorogo ahari. Umugabo yaca amarenga, umugore agahindana ikintu, mbese biba nk'uko Serutorogo yabimubwiye. Birangiye Serutorogo araherekezwa.

https://xtremepape.rs/

Nyiri urugo ahindukiye, n'umujinya mwinshi, abaza umugore we icyo yabikoreye kandi yari yamubujije. Umugore ati: "Ni wowe wabimbwiye. Wagiye ugeze aho uragaruka, ndetse wavugiye inyuma y'urugi." Umugabo amenya ko ari Serutorogo. Abwira umugore ati: "N'ibisigaye bimwoherereze, uwariye ni we urya!" Bukeye Serutorogo azana inka ayiha wa mugore. Ahamagara bagenzi be ati: "Nimureke kwiteranya nange kuko mbarusha ubwenge." Abandi bati: "Serutorogo ntawagushobora." Barongera barabana.

G Gahamanyi, *Nkubarire* (2014)

(a) Rambura ingingo yerekeranye n'ishusho kimwe n'agaciro ku mugore muri uyu mwandiko wose.

(b) Iga mu buryo bwimbitse ukuntu ibarankuru rikoreshwa muri uyu mugani.



https://xtremepape.rs/

**2.**

**Sinzakwibagirwa, wowe soko yange**

Simparaye guhanga bimwe by’abubu
Simpuruza abo ntazi by’amatakirangoyi
Sininginga inganzo ahubwo irarese
Isoko iravubura ubutitsa ivundereza
Ngo nkuratire abatakuzi byayobeye.

Mubyeyi nkunda ntakikureba
Ishyaka warwanye ngo mbone ibyiza
Umukobwa wawe arifite ku mutima
Uko utera arakuririmba mubyeyi
Ngo nkuratire abatakuzi byayobeye.

Ndibuka ibyiza byawe ibyo nzi n’ibyo numva
Aho nyura n’aho mbwirwa, ngo wari imfura
Imwe ya nyayo wanga umugayo rwose
Ibikorwa byawe birantunze, ineza yawe narayirazwe
Ngo nkuratire abatakuzi byayobeye.

Kuko iyo waharuye ubu ni nyabagendwa
Mubyeyi wambyaye nkabyiruka nemye
Nkaba mbyibushye ntengera ntengamaye
Sinabona icyo nkwitura magingo aya
Ngo nkuratire abatakuzi byayobeye.

Kuko utakiri ku isi wasanze Jambo ijabo ari ryose
Aho atetse ijabiro na we akeneye abeza!
Ishuri wantangije narakomeje sinakomwe mu nkokora
Abanza sinahizwe ngo ntakubabaza utarabyigeze
Ngo nkuratire abatakuzi byayobeye.

Ay’isumbuye mba Rudasumbwa nyasozanya ubwema
Kamunuza na yo mba ingenzi y’umutima n’ubuhanga
Ubu akazi nshinzwe ngakorana umwete
Nyabwangu sinzarira nk’uko nabitojwe
Ngo nkuratire abatakuzi byayobeye.

Ikimbabaza kikanshavuza iridashira inyuma
Ni uko ntakubona ngo nkwiture ineza yawe irenze
Ngo nguture ibiseke nkurinde imvune z’ubukabwe
Utaramane n’abandi babyeyi ubyinirwe n’abuzukuru
Ngo nkuratire abatakuzi byayobeye.

Abuzukuruza bikirize ubuvivi buvuze ingoma
Watabarukanye agahinda ushavujwe n’aho nsigaye
Humura humeka ndaganje ikivi wateruye ndakigerereye
Ejo cyangwa ejo bundi ndacyusa
Ngo nkuratire abatakuzi byayobeye.

https://xtremepape.rs/

Iyo nkuru izagutahaho bidatinze
Ijambo rya nyuma wasize uvuze
Ndizirikana ijoro n'amanywa
Ibyo wakoze byose byari ku bwange
Ngo nkuratire abatakuzi byayobeye.

Sinzaba ikigwari ntaho mbikomora wari intwari
Nzaharanira ubutwari ntwaze iteka
Iteka aho utetse utunganirwe
Nzaraga abawe ubupfura natojwe!
Ngo nkuratire abatakuzi byayobeye.

M Uwera, *Kibakore abo* (2013)

(a) Sesengura insanganyamatsiko nyamukuru y'uyu muvugo n'uburyo yagaragajwe.

(b) Ni nko ku ruhe rugero umusizi w'uyu muvugo akora ku mbamutima y'umusomyi we?

https://xtremepape.rs/